REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DU MOUVEMENT COOPERATIF
B.P. 1044 KIGALI

Kigali, le 09 AVR. 1985

N°1259/15.07

1/18/4/85

Bwana Prefe wa Prefegitura ya
**BYUMBA**
Binyujijwe kuli Bwana Ministri
w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere
ya Komini
**KIGALI**

Bwana Prefe,

Nkulikije inyandiko-mvugo yo ku mataliki 19, 21, na 22/12/1984 yerekana isurwa ly'amashyirahamwe y'urubyiruko amarushanwa aho muli Suprefegitura ya KINIHIRA mu mwaka w'1985 wahaliwe urubyiruko, nasanze ayo mashyirahamwe agomba guhagurukira limwe kugira ngo ashake umuti wa bimwe na bimwe mu bibazo by'ingenzi ahura nabyo.

Ku byerekeye ikibazo cyo kubura ifumbire, nabagira inama yo gushakira umuti mu bworozi cyane cyane ubw'amatungo magufi.

Amashyirahamwe abona umusaruro atinze yali akwiye gushaka ukundi kuntu yiharika kugira ngo abone uko yakwikemura mu gihe batarabona umusaruro.

Naho ku kibazo cyo kugurisha umusaruro, abagize amashyirahamwe bakwiye kwihatira gukora ibihuje n'ibikenewe muli ako karere cyangwa bakamenyesha Ministeri uko uwo musaruro ungana kugira ngo ishobore kubashakira amasoko.

Bityo, ndizera ko imilimo imarushaho kugenda neza n'umusaruro ukiyongera.

Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.

Bimenyeshejwe :
- Bwana Suprefe wa Suprefegitura KINIHIRA-BYUMBA
- Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko na Koperative muli Prefegitura BYUMBA
- Umuyobozi w'Urubyiruko muli Suprefegitura KINIHIRA-BYUMBA

INYANDIKO-MVUGO YEREKANA UKO ISURWA LY'AMASHYIRAHAMWE Y'URUBYIRUKO AZARUSHANWA MU MWAKA W'URUBYIRUKO KU ISI HOSE 1985 muli S/PEREFEGITURA KINIHIRA LYAKOZWE KUWA 19; 21; na 22 UKUBOZA.

-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-

## A V I S

Amashyirahamwe yo muli S/Prefegitura KINIHIRA uko ali 11 yose akora neza uretse ingorane zimwe na zimwe yose ahulijeho kandi zimwe muli izo ngorane ntizagombye kubaho bagombye kuzishakira umuti ubwabo. Urugero :

- Ikibazo cyo kubura ifumbire: bagombye kumenya ko iyo kibazo ~~cy'ifumbire~~ bagomba kugishakira umuti ubwabo ~~ubwe~~, nkaba nabagira inama yo gushakira ifumbire mu bworozi kandi byabagilira akamaro cyane.

- Ikibazo cyo kubura ibikoresho by'ubuhinzi : Icyo kibazo nacyo nticyagombye kubaho kuko buli shyirahamwe lifite umutungo walyo, bagombye gukora muli uwo mutungo bakagura ibikoresho bakeneye kugirango imilimo yabo ishobore kugenda neza.

- Ishyirahamwe AJAGRIM lyo muli BUYOGA lihinga ikinini gusa likaba ligira ikibazo cyo kubona umusaruro litinze bigatuma abanyamulyango ~~bahaheka~~ badahora baza mu manama kuberako baba batizeye inyungu vuba.
Nkaba nabagira inama ko bashaka ~~akandi kantu~~ ibindi bahinga u ~~bakirihalika~~ kugirango mu gihe ikinini kitarera bajye babona icyo bakwikenuza. Iyo nama nayigira kandi ishyirahamwe TWISUNGANE lihinga ibisheke.

Ayo mashyirahamwe kandi agira ikibazo cyaho yagulisha umusaruro wayo. Nd~~abona Ministeli yabarwanaho ikabashakira isoko.~~ Akuriyo kugira ~~[illegible]~~ bihatira ibikorwa bihuye n'ibikenewe muli ako karere eyangujwa bakatubwira umusaruro wayo uko ~~[illegible]~~ ungana kugirango tubafashe ~~[illegible]~~ gushaka amasoko.

Avis conformes

[signature]

26. 2. 85.-

Dwenc.-

Fait à Kigali, le 21/02/1985

BAKILIHO Euphrasie.-

[signature]

/U.I./
REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE DE BYUMBA
S/PREFECTURE KINIHIRA

Kinihira, kuwa 28 Ukuboza 1984
N°303/04.09.01/10

A traiter par: DGJ
Date: 23/1/85
N°: 0942/15.04

24/1/85

Euphrasie
Pour avis 25/1/85

Bwana Prefe wa Prefegitura
BYUMBA

Bwana Prefe,

Nkulikije ibaruwa yanyu n°1696/04.09.01/10 yo kuwa 12 Ukuboza 1984 yansabaga gusura amashyirahamwe y'Urubyiruko azarushanwa mu mwaka w'Urubyiruko ku isi hose 1985 yo muli S/Prefegitura nshinzwe, mboherereje inyandiko yerekana uko ilyo surwa lyakozwe kuwa 19, 21 na 22 Ukuboza 1984.

Amashyirahamwe avugwa muli iyi nyandiko n'ayo muli Komini BUYOGA na TUMBA; ayo muli Komini CYUNGO yasuwe n'Umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative muli S/Prefegitura kuwa 12 na 19/11/1984 nkuko ibaruwa ye n°056/15.10/02 yo kuwa 29/11/1984 ivuga uko ateye.

S/Prefe wa S/Prefegitura
NTAWITONDA Placide

PREFECTURE BYUMBA
S/PREFECTURE KINIHIRA

Bimenyeshejwe:
- Bwana Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative
KIGALI
- Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko naza Koperative
BYUMBA
- Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative
KINIHIRA

INYANDIKO YEREKANA UKO ISURWA LY'AMASH.
Y'URUBYIRUKO AZARUSHANWA MU MWAKA W'URU.
KU ISI HOSE 1985 MULI S/PREFECTURE
KINIHIRA LYAKOZWE KUWA 19,21 NA 22 UKUBOZA

1-AMASHYIRAHAMWE YAGOMBAGA GUSURWA:

Muli Komini BUYOGA: JUBE-DUFATANYE-ABAHUZARUKUNDO-AJAGRIM-ABATIOUMUGAMBI-TWISUNGANE.

Muli Komini TUMBA: ABIYUNZE-ABASHYIRAHAMWE.

Ayo muli Komini CYUNGO uko ali ane yasuwe n'Umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative muli S/Prefegitura kuwa 12 na 19 Ugushyingo 1984 nkuko ibaruwa ye n°056/15.10/02 yo kuwa 29/11/1984 ibivuga.

2-ABALI BAGIZE IKIPE YASURAGA

-S/Prefe wa S/Prefegitura KINIHIRA
-Umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative muli S/Prefegitura
-Burugmestri wa Komini cyangwa umuhagaraliye.
-Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli Komini
-Umuyobozi wa za Koperative muli Komini
-Konseye wa Segiteri ishyirahamwe likoreramo.

3-UKO TWAKOZE ISURWA MULI BULI SHYIRAHAMWE

-Kugera aho likorera tukababwira ikitugenza noneho tukabasaba kutwereka ibikorwa byabo.

-Kureba no gusuzuma ibitabo bakoresha

-Kugira icyo tubabaza kugira ngo tumenye neza uko ishyirahamwe lyabo lyifashe.

-Hanyuma tukabagira inama mu byerekeye ibitagorotse no kubasaba kwongera ibikorwa byabo kugira ngo umwaka utaha bazabe barageze kuli byinshi.

4-DORE UKO BULI SHYIRAHAMWE LITEYE

1.ABASHYIRAHAMWE Segiteri Bugerera Komini TUMBA

a)Intego yabo ni ugufatanya kugira ngo badasigara inyuma mu majyambere bagahinga ibihingwa ngandura-rugo.Batangiye mu kwa 11/83.Iryo shyirahamwe ryatangiwe na KABIBI [illegible] François-Xavier.

b)Umulyango ugizwe n'abasore 9.Ibindi reba ku iyomekwa rya mbere. Batangiye ali 11 none ni 9 ni ukuyuga ko badohoka.

c)UBUTEGETSI:Inama y'ubutegetsi igizwe n'abantu 4 iterana limwe mu kwezi kandi bafite aho bandika ibyemezo byayifatiwemo.

:Inama rusange nayo iterana limwe mu kwezi kandi bandika ibyemezo byafashwe.

:Abagenzura umutungo n'abanyamulyango ubwabo.

:Bakora iminsi ibili mu cyumweru kuwa kane no kuwa kabili.

:Igitabo cy'isanduku kirahali kandi cyandikwamo neza uretse ko kibuze igisika kimwe"AHALI"

:Igitabo cy'abanyamulyango ntacyo

.../...

-Igitabo cya raporo ntacyo
-Igitabo cy'amadeni ntacyo
-Aho babika amabaruwa bandikirwa nayo bandikira rubanda ntaho
-Inama zikorwa n'umuyobozi w'Urubyiruko ntaho zandikwa ndetse n'uwa za Koperative

d)Amategeko yabo ameze neza aliko yanditse kudupapuro ku bulyo ashobora gutakara.

e)Umusaruro:imboga Kg 200,ibirayi Kg 441

f)Umutungo w'amafranga:15155FRW ahali 9.215 andi n'amadeni

g)Umutungo w'ibintu:Imilima 2 bahingamo,icyuzi cy'amafi,imitabo 5 ya Karoti pepiniyeri y'amashu.

h)Ingorane:Umwuzure w'amazi yica imyaka
-Ubusimba bwangiliza imyaka
-Kubura ifumbire
-Kudakora umugenda watuma hataba umwuzure
-Kubura ibikoresho by'ubuhinzi
-Kubura ibikoresho by'ubworozi bw'amafi

i)Imfashanyo babonye:ntayo

j)Imishinga:Guhinga soja,amashu,ibirayi
-Korora inkoko
-Kubaka ikibuga cya Basketiboli

k)Umuyobozi w'Urubyiruko ya bafashije abagira inama zerekeranye n'ugufata no kwandika neza mu bitabo.

ICYITONDERWA: Ili shyirahamwe likora neza uretse ingorane bafite kandi ryiganjemo abantu bali hejuru y'imyaka 24.

2-ABIYUNZE muli Segiteri Karama Komini TUMBA

a)Ili shyirahamwe rigamije guhinga ingandura-rugo no korora amafi kugira ngo bagere ku majyambere.Ryatangiye mu kwa 3/83;ryatangiwe na HABYALIMANA Léonidas

b)Abasore n'inkumi ni 14.Ibindi reba iyomekwa rya kabili;baliyongera kuko batangiye ali 13 ubu bakaba ali 14.

c)Ubutegetsi:Inama y'ubutegetsi igizwe n'abantu bane bakora inama 1 mu kwezi aliko ntibagira aho bandika inyandiko-mvugo.
-Inama rusange iterana 1 mu kwezi nta nyandiko-mvugo
-Abagenzura umutungo ni 2 nta raporo y'ubugenzuzi
-Bakora 1 mu cyumweru kuwa kabili
-Igitabo cy'isanduku kirahali kandi cyandikwamo neza
-Igitabo cy'abanyamulyango kirahali nacyo kimeze neza
-Igitabo cya raporo ntacyo
-Igitabo cy'amadeni kirahali aliko nticyandikwamo neza.
-Aho babika amabaruwa ntaho
-Inama zikorwa n'umuyobozi w'Urubyiruko n'uwa za Koperative ntabwo zuzuye.

d)Amategeko abagenga arahali kandi ameze neza buhoro

e)Umusaruro:ibirayi Kg 720,intoryi Kg 200 .....//:::.....

f)Umutungo w'amafranga 11.535FRW,7.000FRW abitse muli Banki y'abaturage ya BUYOGA

g)Umutungo w'ibintu:icyuzi 1,Imitabo 20 y'ibijumba

h)Ingorane bahura nazo:Kubura ibikoresho by'ubuhinzi
:Kubura ububiko bw'umusaruro
:Kubura imbuto zindobanure

i)Imfashanyo babonye umulima bahawe na Komini

J)Imishinga:Guhinga ibirayi no korora inkoko n'inzuki
:Kudoda

k)Imilimo umuyobozi w'Urubyiruko yakoze:Gupima icyuzi cy'amafi
:Gucukura imiyoboro y'amazi no kubagira inama

ICYITONDERWA :Ili shyirahamwe ni ry'urubyiruko kandi bafite ibikorwa koko kandi rero ryifashe neza.

3-JUBE muli Segiteri BUSORO Komini BUYOGA

a)Bagamije korora amatungo magufi n'ubuhinzi maze bakaba intanga-rugero. Batangiye kuwa 18/4/83 batangiwe na MUTANGIZI Emmanuel.

b)Umubare w'abasore ni 7. Ibindi reba iyomekwa rya gatatu.Abo basore baradohotse.

c)Ubutegetsi:Inama y'ubutegetsi igizwe n'abantu 4 baterana 1 mu kwezi aliko nta nyandiko-mvugo zihali
:Inama rusange iba rimwe mu kwezi nta nyandiko-mvugo
:Abagenzura umutungo ni 3 aliko nta raporo
:Bakora 3 mu cyumweru(kuwa kabili,kuwa gatatu,kuwa gatanu).
:Igitabo cy'isanduku kirahali kandi kimeze neza.
:Igitabo cy'abanyamulyango kirahali aliko nticyandikwamo neza
:Igitabo cya raporo kirahali kandi kimeze neza.
:Igitabo cy'imyenda kirahali
:Aho babika amabaruwa ntaho
:Inama zikorwa n'abayobozi b'urubyiruko na za Koperative ntaho zandikwa

d)Amategeko abagenga ntabwo yuzuye

e)Umusaruro ntawo

f)Umutungo w'amafranga:4.906FRW,ahali 1.300FRW muli Banki y'abaturage BUYOGA andi ali mu madeni.

g)Umutungo w'ibintu:Inzu y'inkoko ishakaje amategura
:clôture 7,5mX9m
:Cyprès 200
:Abreuvoirs 4
:Jerikani 2
:Isekuro 1
:Amasuka 2
:Igitiyo 1
:Ipiki 1
:Urutoke are 6
:Ibiti by'Avocati 8

....../.....

-Ibiti by'imfizi 6
-Desmodium are 4
-Setaria ku milingoti
-Ibihwagali bivanze na soya are 3
-Soya are 11
Amabati 30
-Umulima bahinga Ha 3
-Umusarani ushakaje amabati
-Ikimoteri 1
-Amakaramu 2 n'amakayi 10

h)Ingorane:Urubura rwangiliza imyaka
-Umutungo udahagije
-Ibikoresho bike(by'ubuhinzi n'ubworozi)
-Kubura amatungo atanga ifumbire
-Kubura imbuto zindobanure

i)Imishinga:Korora inkoko,inkwavu n'ihene
-Kubaka ububiko bw'umusaruro
-Gushinga cantine
-Gutera ubwatsi bw'amatungo
-Gukomeza guhinga ingandura-rugo

J)Umuyobozi w'Urubyiruko yagiye abereka uko bandika mu bitabo no kubitunganya yabagiriye inama.

<u>ICYITONDERWA:</u>Ili shyirahamwe lifite ibikorwa bishimishije uretse ko urubura rwabahemukiye rukica imyaka.Usanga ibihingwa byabo bifite amoko menshi. Ryashoboraga no kuba intanga-rugero muli Komini.

4- <u>AJAGRIM muli Segiteri MURANZI Komini BUYOGA</u>

a)Bagamije gukorera amafranga ashobora kubateza imbere.Ishyirahamwe ryaratangiye kuwa 19/4/1983 litangiwe na BULARIYO André n'umuyobozi w'Urubyiruko muli Komini NDEMEYE Diogène.

b)Umubare w'abasore n'inkumi ni 124(Abasore 80 n'inkumi 44).Abo basore n'inkumi baradohotse kuko dusura ili shyirahamwe hali gusa abasore 10. Umuyobozi w'Ishyirahamwe yatubwiye ko ntawigeze asezera.Birashoboka ko impamvu icyo Kinini kitazana amafranga vuba noneho bakajya kwisuma mu mushinga wa D.R.B. akaba yakorera ishyirahamwe nka limwe mu kwezi umwirondoro reba iyomekwa rya Kane.

c)Inama y'ubutegetsi.Ntayo yarasenyutse uretse gusa Umuyobozi w'ishyirahamwe
-Inama rusange ntiterana
-Abagenzura umutungo ntabo
-Bakora 1 mu cyumweru kuwa kabili
-Igitabo cy'isanduku ntacyo
-Igitabo cy'abanyamulyango ntacyo
-Igitabo cya raporo ntacyo
-Igitabo cy'imyenda ntacyo

d)Amategeko ntayo

..../....

e)Umusaruro ntawo kuko ikinini kitarasarurwa
f)Umutungo w'amafranga ntawo
g)Umutungo w'ibintu:Ha 6 z'ikinini
h)Ingorane:aho bazagulishiliza ikinini gisaruwe
-Ibikoresho
-Aho gusarurira n'ibikoreshwa
-Gusiba kwa abanyamulyango
i)Imfashanyo:Ha 6 z'ikinini bahawe na Komini
-Umuganda wa Segiteri ukorwa mu kinini
J)Imishinga:Gushaka isoko
-Guhinga ingandura-rugo

ICYITONDERWA:ili shyirahamwe lifite ingorane ziterwa nuko ikinini kitazana amafranga vuba.Urubyiruko rero ntabwo rubona inyungu mu shyirahamwe rwashinze. Turasaba Ministeri gushaka isoko kuko kinini yeze maze babone amafranga yifatizo kugira ngo batangire undi mushinga naho ubundi guhingira ikinini ntacyo byabagezaho.

5- ABATICUMUGAMBI muli Segiteri BURENGA Komini BUYOGA

a)Bagamije gukorera hamwe kugira ngo bagwize imali yo gucuruza.Kandi bagahinga no kubumba amatafali.Batangiye mu kwa 7/75 batangiwe na NTAHONDI Papias
b)Umubare wabo ni 10.Ibindi reba iyomekwa rya 5.Bariyongera kuko batangiye ali 5.
c)Inama y'ubutegetsi igizwe n'abantu bane baterana 1 mu kwezi aliko nta nyandiko-mvugo zihali
-Inama rusange iterana 1 mu Kwezi. Inyandiko-mvugo ntizuzuye.
-Abagenzura umutungo ni abanyamulyango bose
-Bakora kuwa kabili,kuwa 3 no kuwa 5
-Igitabo cy'isanduku kirahali aliko nticyuzuye
-Igitabo cy'abanyamulyango kirahali kandi gikoreshwa no guhamagara
-Igitabo cya raporo ntacyo
-Igitabo cy'amadeni n'imyenda kirahali
-Amabaruwa arabikwa aliko nabi
-Inama zikorwa n'abayobozi b'urubyiruko na za Koperative ntizandikwa ahantu.
d)Amategeko abagenga ameze neza.

...../......

e)Umusaruro:ibirayi Kg 1200,amatafali 38.200
f)Umutungo w'amafranga:63.660FRW;ahali 20.060FRW andi n'amadeni
g)Umutungo w'ibintu:inganzo ares 15,amatafali ahiye 20.000 amatafali adahiye 2500,Foromo 15,Imilima ha 3,Ameza 15,rateaux 10,Arrosoirs 5.
h)Ingorane :Kubura ibikoresho(ibitiyo,amasuka,ingorofani)
-Kubura inguzanyo y'amafranga yo gushora mu mishinga
-Kubura ibyangombwa byo kubaka
-Aho kugulishiliza amatafali
-Kubura imbuto nziza z'ibirayi
-Gushinga imbago y'aho gucukura ibumba
i)Imfashanyo:ingorofani 2,ibitiyo 10,arrosoirs 5,rateaux 10,amasuka 10 bahawe na Ministeri
J)Imishinga:kubaka inzu y'ububiko niyo gukoreramo
-Gucuruza
-Gutera ishyamba
-Gukamura igishanga
k)Umuyobozi w'Urubyiruko yagiye abasabira imilima no gukata igishanga no kubafasha gutunganya ibitabo.
ICYITONDERWA: Ili shyirahamwe si iry'urubyiruko kuko higanjemo abantu b' abagabo aliko kandi bakora neza kandi bafite ibintu bishimishije.

6- DUFATANYE muli Segiteri BUSORO Komini BUYOGA
a)Bagamije kwikenura no kurwana ku babyeyi nabo ubwabo;bahinga ingandurarugo no korora amafi.Batangiye kuwa 18/3/78 batangiwe na NDEREYIMANA Ferdinand.
b)Umubare wabo ni abasore n'inkumi 29.Ibindi reba ku iyomekwa rya gatandatu Uwo mubare uriyongera kuko batangiye ali 23 ubu bakaba ali 29.
c)Inama y'ubutegetsi igizwe n'abantu 5 baterana 1 mu kwezi kandi bandika ibyemezo mu ikayi.
-Inama rusange iterana 1 mu gihembwe cy'amezi atatu n'ibyemezo birandikwa
-Abagenzura umutungo n'abanyamulyango ubwabo
-Bakora 2 mu cyumweru(kuwa 3 no kuwa 6)
-Igitabo cy'isanduku kirahali aliko nticyandikwamo neza
-Igitabo cy'abanyamulyango ntacyo
-Igitabo cya raporo ntacyo
-Igitabo cy'amadeni ntacyo
-Aho babika amabaruwa ntaho
-Inama z'abayobozi b'urubyiruko ba za Koperative ntizandikwa.
d)Amategeko abagenga ameze neza
e)Umusaruro:amafi 83,25 Kg cy'intoryi
f)Umutungo w'amafranga 15.560FRW;ahali 11.000FRW andi ni amadeni
g)Umutungo w'ibintu:ibitiyo 3,ibyuzi 2,are 24 z'intoryi,36 ares z'ibigoli, umulima bahinga mo 1
h)Ingorane:Kubura ibikoresho by'ubuhinzi n'ubworozi bw'amafi
-Kubura isoko ry'amafi
-Kubura imbuto z'indobanure

....../....

i)Imfashanyo:umulima bahawe na Komini n'ibitiyo 3

J)Imishinga:gucukura ibyuzi bibili

:Ubworozi bw'amatungo magufi

:Guhinga amasaka,soja,amashu n'ibitunguru,ibirayi na karoti.

K)Umuyobozi w'Urubyiruko yarabahuguye abaha n'amabwiliza mu byerekeye amashyirahamwe.

ICYITONDERWA: Ili shyirahamwe limeze neza kandi rifite ibikorwa byinshi kandi bashobora no gutera imbere kuko hafi ya bose bangana. Baliya bakuze nibo bazatuma lijya mbere.

7-ABAHUZARUKUNDO muli Segiteri MUTETE Komini BUYOGA

a)Iryo shyirahamwe rigamije ubuhinzi bw'ingandura-rugo no gucuruza umusaruro w'ibihingwa.Ryatangiye kuwa 6/1/1977 ritangiwe na AYIRWANDA Silas

b)Umubare w'abanyamulyango ni 40.Ibindi reba ku iyomekwa rya Kalindwi. Abanyamulyango barinjira kuko batangiye ali 21 ubu bakaba ali 40

c)Inama y'ubutegetsi igizwe n'abantu 9 baterana 2 mu mezi 3.Inyandiko-mvugo zirandikwa aliko si zose.

-Inama rusange iterana 1 mu mezi atatu.ibyemezo biyifatiwemo ntibigira aho byandikwa

-Abagenzura umutungo ni 3 aliko ntibagenzura kuko nta nyandiko zibigaragaza

-Iminsi bakoraho mu cyumweru ni 2 kuwa 3 no kuwa 5.

-Igitabo cy'isanduku baragifite kandi kimeze neza

-Igitabo cy'abanyamulyango kirahali aliko nticyuzuye.

-Igitabo cya raporo ntacyo bafite.

-Igitabo cy'amadeni kirahali aliko ntikimeze neza.

-Aho babika amabaruwa ntaho

-Inama zikorwa n'abayobozi b'urubyiruko na za Koperative ntizigira aho zandikwa.

d)Amategeko yabo ameze neza gahoro

c)Umusaruro-Amashu 40

-Igitebo cy'amateke

-20Kg cy'intoryi

f)Umutungo w'amafranga:10.382FRW ahali

g)Umutungo w'ibintu:Umulima ulimo intoryi,amashu,amateke,ibijumba n'ibigoli

h)Ingorane:Kubura ibikoresho by'ubuhinzi

-Umulima muto

i)Imfashanyo:ntayo

J) Imishinga:Gucuruza umusaruro

-Kubaka biro

-Korora amatungo magufi

k)Umuyobozi w'Urubyiruko abagira inama no kubahugura mu byo bakora

IGYITONDERWA:Ili shyirahamwe rimeze neza kandi abanyamulyango bafite umurava n'ibikorwa byabo birashimishije.

8.TWISUNGANE muli Segiteri ZOKO Komini BUYOGA

a)Intego y'ishyirahamwe n'uguhinga ibisheke no gucuruza imyaka ngandura-rugo ryatangiye kuwa 14/8/1979 ritangiwe na KANYAMIBWA Fabien.

b)Umubare w'abanyamulyango ni 53.Ibindi reba ku iyomekwa rya munani. Abanyamulyango barinjira kuko batangiye ali 15 ubu bakaba ali 53.

c)Inama y'ubutegetsi igizwe n'abantu batandatu iterana 1 mu mezi 3 aho inyandiko-mvugo zandikwa harahali uretse ko hatuzuye.

-Inama rusange iterana 1 mu mezi 3 aho ibyemezo biyifatiwemo byandikwa ntihuzuye.

-Abagenzura umutungo ni 2.Muli iki gihe bagenzura gusa uko imilimo ikorwa kuko nta mutungo w'amafranga ishyirahamwe liragira.

...../....

-Bakora kabili mu cyumweru kuwa 3 no kuwa 5

-Igitabo cy'isanduku ntacyo

-Igitabo cy'abanyamulyango kirahali aliko nticyuzuye

-Igitabo cya raporo ntacyo

-Igitabo cy'amadeni ntacyo

-Aho babika amabaruwa ntaho

-Inama zikorwa n'abayobozi b'urubyiruko na za Koperative ntizigira aho zandikwa.

d)Amategeko abagenga arahali kandi ameze neza gahoro.

e)Umusaruro:Toni 15 na Kg 200 by'ibisheke

f)Umutungo w'amafranga ntawo

g)Umutungo w'ibintu;Ha 3 z'umulima w'ibisheke

h)Ingorane:Kubura ibikoresho by'ubuhinzi bw'ibisheke

-Kubura umulima uhagije

i)Imfashanyo:umulima bahawe na Komini

J)Imishinga:Kubaka biro

-Gucuruza imyaka ngandura-rugo

k)Umuyobozi w'urubyiruko abagira inama zo kuboneza umutungo wabo mu bitabo abakoresha kandi akanabahugura.

ICYITONDERWA:Ili shyirahamwe lifite igikorwa cyiza (igihingwa ngenga bukungu) aliko kandi rikanahura n'ingorane y'uko amafranga ataboneka vuba. Byaba byiza bahinze n'ingandura-rugo.

IYOMEKWA RYA MBERE: ABANYAMULYANGO B'ISHYIRAHAMWE ABASHYIRAHAMWE

| N° | AMAZINA | IMYAKA | UMWUGA | INGARAGU CYANGWA YARASHATSE | AMADENI AFITE | UMUGABANE | IGIHE YINJI LIYE | AMASHULI | ARAKORA |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | KABIBI F.Xavier | 26 | Secrétaire paroissiale | Ingaragu | Ntayo | 150F | 11/83 | 3 yisumbuye | Yee |
| 2 | KAYISIRE Emmanuel | 25 | Umuhinzi | Ingaragu | 2000F | " | " | CERAR | Oya |
| 3 | FURUMBA Sébastien | 44 | Umuhinzi | Yarashatse | Ntayo | " | " | 5 abanza | " |
| 4 | IYAMUREMYE Evariste | 26 | Umuhinzi | Ingaragu | 3000F | " | " | CERAR | " |
| 5 | SIBOMANA Charles | 30 | " | " | 150F | " | " | 5 abanza | " |
| 6 | NIKUZE Célestin | 20 | " | " | Ntadeni | " | " | 8 abanza | " |
| 7 | TWIZEYIMANA P. | 19 | " | " | 1400F | 150F | " | 6 abanza | " |
| 8 | BAPFAGUHEKA | 42 | " | Yarashatse | Ntadeni | " | " | Ntayo | Oya |
| 9 | SEBURO Noël | 32 | Umuhinzi | Yarashatse | Ntadeni | 150F | 11/83 | 5 abanza | Oya |

N.B.: N°1 niwe muyobozi w'ishyirahamwe

IYOMEKWA RYA KABILI: ABANYAMULYANGO B'ISHYIRAHAMWE ABIYUNZE

| N° | AMAZINA | IMYAKA | UMWUGA | INGARAGU CYANGWA YARASHATSE | AMADENI AFITE | UMUGABANE | IGIHE YINJILIYE | AMASHULI | ARAKORA |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | TULIKUNKIKO Ange | 25 | Umuhinzi | Ingaragu | 120FRW | 100 | 3/83 | CERAR | Oya |
| 2 | N.BABILIGI Josephine | 21 | " | " | 270FRW | " | " | 3 yisumbuye | " |
| 3 | MUTABAZI Célestin | 25 | " | Yarashatse | 216FRW | " | " | 6 abanza | " |
| 4 | HABYALIMANA Léonidas | 30 | " | Ingaragu | 576FRW | " | " | Amezi 3 C.A. Rafiki | " |
| 5 | N.MBARUSHIMANA A. | 23 | " | " | 125FRW | " | " | 6 abanza | " |
| 6 | MUKWIYE Fortunat | 20 | " | " | Ntayo | " | " | 3 yisumbuye | " |
| 7 | MUKAGASANA Marie | 21 | " | " | 50FRW | " | " | C.S.D | " |
| 8 | HAKIZIMANA Tél. | 24 | " | " | 570FRW | " | " | 3 abanza | " |
| 9 | MWITANGANA Ignance | 19 | " | " | Ntayo | 800 | 12/84 | 8 abanza | " |
| 10 | TWAHIRWA Alphonse | 24 | " | " | " | 1000 | " | 6 abanza | " |
| 11 | M.RUHOGO Viviane | 21 | " | " | " | 1000 | " | 3yisumbuye | " |
| 12 | N.MUHIRE Vestine | 19 | " | " | 2FRW | 1000 | " | C.S.D | " |
| 13 | MUKAKARUZAGE Glor. | 18 | " | " | Ntayo | 1000 | " | C.S.D. | " |
| 14 | MUSABYIMANA Pascal | 22 | Umuhinzi | Ingaragu | Ntadeni | 100FR | 3/83 | C.d'alph- | Oya |

N.B: N° 1 niwe uyobora ishyirahamwe.

IYOMEKWA RYA GATATU: ABANYAMULYANGO B'ISHYIRAHAMWE JUBE

| N° | AMAZINA | IMYAKA | UMWUGA | INGARAGU CYANGWA YARASHATSE | AMADENI AFITE | UMUGABANE | IGIHE YINJILIYE | AMASHULI | ARAKORA |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | MUTANGIZI Emmanuel | 25 | Umwubatsi | Ingaragu | 1050F | 3000FRW | 4/83 | 6 abanza | Yee |
| 2 | BAZIRUSHAKA Claudien | 25 | Umuhinzi | " | 200F | " | " | 3 " | Oya |
| 3 | SANGE Samweli | 27 | " | Yarashatse | 550F | " | " | 6 " | " |
| 4 | SANGIZA Kayitani | 20 | " | Ingaragu | 620F | 3000FRW | " | 6 " | " |
| 5 | MATAZA Edouard | 19 | " | " | 700F | 5000FRW | 12/83 | 6 " | " |
| 6 | HAVUGIMANA Tassien | 17 | " | " | Ntayo | 3000FRW | 4/83 | 4 " | " |
| 7 | MUGABOWINDEKWE Gr. | 20 | Umuhinzi | Ingaragu | 190F | 3000FRW | 4/83 | 6 abanza | Oya |

N.B: N°1 niwe uyobora ishyirahamwe.

IYOMEKWA RYA KANE: **ABANYAMULYANGO B'ISHYIRAHAMWE AJAGRIM**

| N° | AMAZINA | IMYAKA | UMWUGA | INGARAGU CYANGWA YARASHATSE | AMADENI AFITE | UMUGABANE | IGIHE YINJILIYE | AMASHULI | ARAKORA |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | NDUNGUTSE Cyprien | 25 | Umuhinzi | Yarashatse | Imibyizi 3 | amaboko ye | 19/4/83 | 6 abanza | Oya |
| 2 | MUGABOKWALI F. | 22 | " | Ingaragu | "38 | " | " | 6 " | " |
| 3 | NTAWINIGA J.Paul | 21 | " | " | "45 | " | " | " " | " |
| 4 | KARASIRA J.Baptiste | 25 | " | " | "36 | " | " | " " | " |
| 5 | MASTAJYABU Mathias | 23 | " | yarashatse | "51 | " | " | " " | " |
| 6 | MUNYANZIZA Pascal | 17 | " | ingaragu | "54 | " | " | Ntayo | " |
| 7 | NKUNDIYE Célestin | 29 | " | yarashatse | "19 | " | " | 8 abanza | " |
| 8 | GAHAMANYI J.Dieu | 16 | " | ingaragu | "33 | " | " | 8 abanza | " |
| 9 | BUTERA Augustin | 27 | " | " | "45 | " | " | 5 abanza | " |
| 10 | IYINYOTA Léonard | 20 | Umuhinzi | Ingaragu | Imibyizi 33 | Amaboko ye | 19/4/83 | 6 abanza | Oya |

N.B/ N°1 niwe uyobora ishyirahamwe

-Ili shyirahamwe lifite abandi banyamulyango aliko ntabwo twashatse kubandika kuko baboneka limwe na limwe.
Ndetse na baliya biragaragara ko bataboneka igihe cyose urebye iliya mibyizi basibye.
Ni uko gusa icyo gihe babonetse.

IYOMEKWA RYA GATANU: ABANYAMULYANGO B'ISHYIRAHAMWE ABATICUMUGAMBI

| N° | AMAZINA | IMYAKA | UMWUGA | INGARAGU CYANGWA YARASHATSE | AMADENI AFITE | UMUGABANE | IGIHE YINJILIYE | AMASHULI | ARAKORA |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | NTAHONDI Papias | 31 | Umuhinzi | Yarashatse | Ntayo | 6000FRW | 7/75 | 4abanza | Oya |
| 2 | MUNYAKARAGWE C. | 38 | " | " | " | " | " | Ntayo | " |
| 3 | GACAMUMAKUBA B. | 33 | " | " | " | " | " | " | " |
| 4 | RUCAMUMIHIGO | 20 | " | Ingaragu | " | " | " | 6 abanza | " |
| 5 | KAYUMBA Juvénal | 31 | " | Yarashatse | " | " | " | Ntayo | " |
| 6 | GATARAYIHA | 55 | Umucuruzi | " | " | " | " | " | " |
| 7 | MAGIRIRE T. | 25 | Umunyeshuli | Ingaragu | " | " | " | 4 Makuru | " |
| 8 | NZIGIYIMANA | 18 | Umuhinzi | " | " | " | 6/82 | 6abanza | " |
| 9 | SEKANDE | 18 | " | " | " | " | " | " | " |
| 10 | NZABANTERURA | 18 | Umuhinzi | Ingaragu | Ntayo | 6000FRW | 6/82 | 6 abanza | Oya |

N.B: N°1 Niwe uyobora ishyirahamwe.

IYOMEKWA RYA GATANDATU: ABANYAMULYANGO B'ISHYIRAHAMWE DUFATANYE

| Nº | AMAZINA | IMYAKA | UMWUGA | INGARAGU CYANGWA YARASHATSE | AMADENI AFITE | UMUGABANE | IGIHE YINJIRIYE | AMASHULI | ARAKORA |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | N DEREYIMANA F. | 25 | Umwubatsi | Ingaragu | 1600F | 700F | 78 | 6 abanza | Umwubatsi |
| 2 | TWAHIRWA Etienne | 25 | Umuhinzi | Yarashatse | 180F | " | 83 | Ntayo | Oya |
| 3 | RYEZEMBERE F. | 21 | " | Ingaragu | 500F | " | 83 | 6 abanza | " |
| 4 | MUSANGWA Gérard | 19 | " | " | Ntayo | " | 82 | " " | " |
| 5 | SENTASHYA Faustin | 25 | " | Yarashatse | 200 | " | 78 | Ntayo | " |
| 6 | NZABANTERURA F. | 25 | " | Ingaragu | Ntayo | " | 83 | " " | " |
| 7 | BAHUFITE Thoms | 21 | " | " | " | " | " | 6 abanza | " |
| 8 | MUKAWIHOREYE S. | 17 | " | " | " | " | 82 | Ntayo | " |
| 9 | NYIRAMINANE A. | 14 | " | " | 200F | " | 84 | 4 abanza | " |
| 10 | M.KALISA H. | 16 | " | " | Ntayo | " | 83 | 3 abanza | |
| 11 | BUREGEYA Evariste | 14 | " | " | " | " | " | Ntayo | " |
| 12 | KALISA Augustin | 24 | " | " | " | " | 80 | " | " |
| 13 | BWENGE André | 14 | " | " | " | " | 84 | 3 abanza | " |
| 14 | KANKUYU Colette | 14 | " | " | 200F | " | 83 | 4 abanza | " |
| 15 | MUKANTWALI | 14 | Umuhinzi | Ingaragu | Ntayo | 700F | 84 | 6 abanza | Oya |

N.B: Nº1 niwe uyobora ishyirahamwe.

| N° | AMAZINA | IMYAKA | UMWUGA | INGARAGU CYANGWA YARASHATSE | AMADENI AFITE | UMUGABANE | IGIHE YINJIRIYE | AMASHULI | ARAKORA |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | AYIRWANDA Silas | 37 | Umuhinzi | Yarashatse | Ntayo | 100F | 6/1/1977 | 4 abanza | Oya |
| 2 | BAGIRANEZA Pascal | 22 | " | " | " | " | " | Ntayo | Oya |
| 3 | BAGIRIGOMWA M | 16 | " | Ingaragu | 3500F | " | " | 3 abanza | Oya |
| 4 | GIRANEZA V | 18 | " | " | Ntayo | " | " | 4 " | " |
| 5 | KARAGIRE Joseph | 19 | " | Ingaragu | Ntayo | 100F | 6/1/1977 | 8 " | " |
| 6 | M.KANKWAYA S | 20 | " | " | " | " | " | 6 " | " |
| 7 | MUKAMANA | 19 | " | " | " | " | " | Ntayo | " |
| 8 | MUSANABERA | 17 | " | " | " | " | " | " | " |
| 9 | M.NEZA Claudine | 19 | " | " | " | " | 20/7/83 | " | " |
| 10 | MUKATABARO C. | 18 | " | " | " | " | 6/8/81 | 8 Abanza | " |
| 11 | MUKANDEKEZI Didasie | 16 | " | " | " | " | " | Ntayo | " |
| 12 | MUTSINDASHYAKA | 27 | " | " | " | " | 6/1/84 | Ntayo | " |
| 13 | M.KARUGABA | 19 | " | " | " | " | 6/1/84 | 6 abanza | " |
| 14 | NIKWIGIZE V | 23 | " | " | " | " | " | 4 " | " |
| 15 | RWABUHUNGU Vincent | 31 | " | Yarashatse | Ntayo | 100F | 6/1/77 | 5 " | " |
| 16 | AYIRWANDA Antoine | 24 | " | " | " | " | " | 4 " | " |
| 17 | KABILIGI Damien | 36 | " | " | " | " | " | 3 " | " |
| 18 | KANAMUGIRE Alphonse | 22 | " | Ingaragu | " | " | " | 6 " | " |
| 19 | KAREGA Pascal | 30 | " | Yarashatse | " | " | " | 6 " | " |
| 20 | MUVUGANYI Célestin | 18 | " | Ingaragu | " | " | 20/7/83 | Ntayo | " |
| 21 | NIBONEYIMANA A. | 49 | " | " | " | " | " | " | " |
| 22 | NZARAMBA Faustin | 20 | " | " | " | " | 6/1/77 | 3 abanza | " |

.../